Spectrum Health

Inyandiko itanga uburenganzira UBUVUZI RUSANGE N'ITANGWA RY'AMAKURU

Patient Name

DOB

CSN

Physician

MRN

INYANDIKO IMENYESHA IBIJYANYE NO KWIRINDA IVANGURA:

Spectrum Health yubahiriza uburenganzira mbonezamubano bugenwa n'amategeko y'igihugu kandi nta vangura ikora hashingiwe ku bwoko, ibara ry'uruhu, inkomoko, imyaka, ubumuga cyangwa igitsina. Spectrum Health ntabwo iheza abantu cyangwa ngo igire uko ibafata by'umwihariko ishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, inkomoko, imyaka, ubumuga cyangwa igitsina cyangwa ikindi cyose kitemewe n'amategeko.

NEMEYE:

- Gusuzumwa no kuvurwa n'abatanga serivisi z'ubuvuzi, abimenyereza umwuga, abanyeshuri n'izindi nzobere mu by'ubuvuzi bo muri Spectrum Health. Bishobora kubaho igihe nagiye kwa muganga ubwanjye, nahawe randevu imwe hamwe n'abandi, hatanzwe serivisi z'ubuvuzi hifashishijwe uburyo bw'iyakure, hafashwe amashusho, hakoreshejwe amafoto ndetse n'ibikoresho by'amajwi. Ibi bikoresho bishobora gukoreshwa mu kuvura cyangwa gusuzuma cyangwa se mu bikorwa bijyanye n'ubuvuzi, ubumenyi cyangwa kurinda umutekano w'umuntu ku gite cye.
- Nk'uko byaganiriweho kandi bikemeranywaho, utanga serivisi z'ubuvuzi ashobora guhindura serivisi mpabwa cyangwa umwana wanjye ahabwa akurikije ibifitiye inyungu ubuzima cyangwa amagara yanjye.
- Igihe nje kubyara, utanga serivisi z'ubuvuzi n'izindi nzobere mu by'ubuvuzi bashobora kwita ku ruhinja rwanjye.
- Igihe naje muri randevu imwe hamwe n'abandi, nyizamo ndi kumwe n'abandi barwayi. Muri bene izi randevu, umpa serivisi z'ubuvuzi ashobora guha abandi bantu amakuru yo mu mwirondoro wanjye.

NSOBANUKIWE NEZA KO:

- Nshobora kubaza ibibazo.
- Ntawansezeranyije cyangwa ngo agire ibyo anyemerera ku bijyanye n'ibizava mu buvuzi mpabwa cyangwa uburyo nitabwaho. Nzi neza ko ubuvuzi no kubaga bidatanga igisubizo nyacyo byanze bikunze. Nta kintu nasezeranyijwe bitewe n'ibizava mu buvuzi mpabwa cyangwa ibizami nkorerwa muri Spectrum Health.
- Abanyeshuri n'abakozi bashobora kumpa serivisi no kureba muri dosiye yanjye mu rwego rwo kwiga cyangwa mu rwego rw'ubushakashatsi.
- Abakozi bazagenzura neza umwirondoro wanjye. Bazabaza serivisi ndiguhabwa. Ibi bikorwa mu rwego rwo kundinda.
- Bamwe mu batanga serivisi z'ubuvuzi n'abakozi ntabwo bakorera Spectrum Health. Nzi ko Spectrum Health itaryozwa serivisi z'ubuvuzi batanga cyangwa ibindi bikorwa byabo. Nzi kandi ko mpabwa inyemezabuguzi zabo ku ruhande n'ubwo baba bampereye serivisi aho Spectrum Health ikorera. Nkorana n'ibiro byabo kugira ngo mbonere ibisubizo ibibazo mfite bijyanye n'ubwishingizi bwanjye.
- Itegeko rya Leta ya Michigan ryemerera abatanga serivisi z'ubuvuzi gupima amaraso yanjye ngo barebe niba nta bwandu bwa virusi itera Sida cyangwa indwara y'umwijima ndwaye kandi bigakorwa ntagombye kubanza kubitangira uburenganzira igihe umuntu wagize uruhare mu kumvura aramutse agize aho ahurira n'amaraso yanjye cyangwa amatembabuzi yo mu mubiri wanjye.
- Ushobora guhabwa kopi y'Amabwiriza ya Spectrum Health agena ibisabwa kugira ngo hatangwe ubufasha bwo kwishyura igihe uyisabye aho biyandikishiriza hose ndetse ukaba wayisanga no ku rubuga rwa www.spectrumhealth.org.
- Spectrum Health ntizigera yihanganira ivangura rikorerwa umpa serivisi, indi nzobere itanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa abakozi rishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, inkomoko, imyaka, ubumuga, igitsina umuntu afite cyangwa rishingiye ku yindi mpamvu yose itemewe n'amategeko y'igihugu, aya leta cyangwa ay'akarere.
- Igihe biramutse bibaye ngombwa ko noherezwa ku yindi nzobere kubera uburwayi mfite, nsobanukiwe neza ko nshobora gusabwa guhitamo umpa serivisi z'ubuvuzi. Nshobora gusaba Spectrum Health kuvugisha umpa serivisi z'ubuvuzi cyangwa niba ntawe mfite nifuza ko amvura, bagahamagara utanga serivisi z'ubuvuzi wigenga uri ku rutonde rw'"abavuzi bigenga bashobora kwiyambazwa" na Spectrum Health. Ndemera ko inyemezabuguzi zijyanye na serivisi nahawe n'utanga serivisi z'ubuvuzi zohererezwa sosiyete y'ubwishingizi dukorana, utanga serivisi z'ubuvuzi yaba akorana n'iyo sosiyete y'ubwishingizi cyangwa adakorana na yo.
- Ubu burenganzira ntanze bufite agaciro mu gihe cy'umwaka umwe (1) uhereye ku itariki nshyiriyeho umukono.

Confidentiality of this medical record shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.

KOMEZA ➔

DO NOT MARK BELOW THIS LINE BARCODE ZONE DO NOT MARK BELOW THIS LINE

© Spectrum Health

X18626 (10/21) – Page 1 of 3 - Kinyarwanda
(English X23481) (Spanish X04879)
(Vietnamese X04878) (Burmese X18623)
(Swahili X18625) Consent GENERAL, TREATMENT AND RELEASE OF INFORMATION

X18626

AMAKURU AJYANYE N'UBUVUZI MPABWA:

- SPECTRUM HEALTH ISHOBORA GUTANGA AMAKURU AJYANYE N'UBUVUZI MPABWA MAZE IKAYAHA:
  - Sosiyete z'ubwishingizi, gahunda z'ubuzima n'abayobozi bashinzwe ubuzima kugira ngo serivisi nahawe cyangwa zahawe umwana wanjye zishyurwe.
  - Ibigo bya leta birimo Medicare na Medicaid cyangwa ibindi bibyemerwa n'amategeko.
  - Abampa serivisi z'ubuvuzi n'abandi banyitaho kuri ubu ndetse no mu gihe kizaza.
  - Umukoresha wanjye igihe hari dosiye zifite aho zihuriye n'ubuvuzi cyangwa serivisi byishyurwa n'umukoresha wanjye cyangwa akabihabwa ku zindi mpamvu zemewe n'amategeko.
  - Umuntu wese cyangwa ikigo cyose bagomba kwishyura igice cy'inyemezabuguzi yanjye cyangwa yose uko yakabaye.
- Ndemera ko Spectrum Health ifata ifoto yanjye cyangwa y'umwana wanjye maze ikayibika muri dosiye ya elegitoroniki yanjye. Nsobanukiwe neza ko Spectrum Health izifashisha iyi foto kugira ngo ibashe kumenya umuntu hagamijwe kumuha serivisi zinoze.
- Nsobanukiwe neza ko Spectrum Health izabika amakuru ajyanye n'ubuvuzi mpabwa cyangwa buhabwa umwana wanjye nk'uko bisabwa n'amategeko ya leta, ay'igihugu ndetse n'andi mabwiriza. Nsobanukiwe neza kandi ko amakuru ajyanye n'ubuvuzi mpabwa ashobora kubikwa mu buryo bwa elegitoroniki kandi akaba ashobora kohererezwa abatanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa abishyura mu buryo bwa elegitoroniki cyangwa akaba yakwakirwa abaturutseho. Muri ayo makuru harimo ajyanye n'isuzuma nakorewe (ikibazo mfite), ubuvuzi (ikirigukorwa kugira ngo mererwe neza) ndetse n'amakuru ajyanye n'imiti cyangwa ubuvuzi nandikiwe na muganga. Hashobora kandi kuba harimo amakuru ajyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, indwara zandura ndwaye (nka virusi itera Sida) ndetse n'ibindi bibazo mfite birimo nko kunywa ibiyobyabwenge cyangwa ubusinzi.
- Hari igihe usanga amategeko asaba Spectrum Health guha ikigo nka minisiteri y'ubuzima amakuru ajyanye n'ubuvuzi. Aha harimo amakuru ajyanye na virusi itera Sida, igituntu n'izindi ndwara.
- Igihe noherejwe ku bindi bitaro, abatanga serivisi z'ubuvuzi cyangwa abimenyereza umwuga bo kuri Spectrum Health bashobora kubona dosiye yanjye kugira ngo babashe gukurikirana ubuvuzi mpabwa cyangwa bagakoresha ayo makuru mu rwego rw'ubushakashatsi.

INYANDIKO IMENYESHA IBIJYANYE N'UBUZIMA BWITE

- Hari uburenganzira n'inshingano mba mfite iyo njyewe ubwanjye cyangwa umwana wanjye turi guhabwa serivisi. Spectrum Health yampaye Inyandiko yayo imenyesha ibijyanye n'amabwiriza agenga ubuzima bwite kandi nahawe umwanya wo kubaza ibibazo bijyanye n'amakuru akubiye muri iyo nyandiko.

IMITUNGO Y'AGACIRO

- Spectrum Health isaba abarwayi bayigana gusiga imitungo y'agaciro mu rugo cyangwa kuyisigira abo mu miryango yabo. Ndemera ko Spectrum Health itabazwa ibijyanye no gucunga umutekano w'umutungo wanjye.

UBURENGANZIRA BW'UMURWAYI N'IBIREGO BYE

- Nsobanukiwe neza ko nshobora kugaragaza ibibazo cyangwa gutanga ikirego kandi sintinye ko hagira ubimpora cyangwa ngo anyihimureho. Ahubwo hakorwa ibishoboka byose kugira ngo ibibazo nagaragaje bihite bikemuka ako kanya cyangwa bikemuke mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7), igihe bishoboka. Igihe mfite ibibazo bijyanye n'uburenganzira bwanjye nk'umurwayi, nshobora kubibaza. Nomero nshobora guhamagara ni 269.983.8624 (Spectrum Health Lakeland) cyangwa 855.613.2262 (ahandi hose Spectrum Health ikorera).

KWEMERA GUHAMAGARWA

- Nahaya Spectrum Health nomero ya telefone y'aho ntuye na/cyangwa igendanwa n'aderesi imeyiri. Nemeye kwitaba telefone yihamagaye na/cyangwa irimo ikiganiro cyafashwe mbere, ubutumwa bugufi bwanditswe mbere na/cyangwa imeyiri zanditswe mbere biturutse muri Spectrum Health na/cyangwa abakozi bayo/abandi. Ubwo butuma bushobora kuba bukubiyemo ibyo gutanga fagitire. Ni njye wiyishyurira amaarnanga yose ajyanye no gutanga ubutumwa nishyuzwa n'abampa serivisi za telefoni. Nshobora kuvurwa nubwo ntaba "nemeye guhamagarwa".

UBURENGANZIRA BWO KWAKIRA UBWISHYU NO GUTANGA INYEMEZABUGUZI

- Spectrum Health ifite uburenganzira bwo kwishyuza undi muntu wese ndetse nanjye ubwanjye. Mpaye Spectrum Health uburenganzira bwo kunyakira undi muntu ibyo ngombwa ndetse no kwemeza sheki zishyurwa mu mazina yanjye cyangwa zishyurwa Spectrum Health.
- Mpaye uburenganzira sosiyete impa ubwishingizi, ishinzwe kwishyura serivisi z'ubuvuzi mpabwa, kugira ngo yishyure Spectrum Health serivisi yampaye. Nsobanukiwe neza ko niyishyurira amafaranga yose ya serivisi zidakubiye mu bwishingizi.
- Ndasaba ko hishyurwa amafaranga hashingiwe ku byo ngenerwa mu rwego rw'ubwishingizi bwa Medicare (akishyurwa mu izina ryanjye) maze agahabwa Spectrum Health kubera serivisi zose yampaye cyangwa naherewe aho ikorera.

IBIKURIKIRA KURI PAJE YA 3 ➔

Confidentiality of this medical record shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.

Spectrum Health

UBUVUZI RUSANGE N'ITANGWA RY'AMAKURU *(IBIKURIKIRA)*

Paje ya 3 kuri 3

Patient Name

DOB

CSN

Physician

MRN

UBURENGANZIRA BWO KWAKIRA UBWISHYU NO GUTANGA INYEMEZABUGUZI *(IBIKURIKIRA)*

- Nemeye ko konti yanjye nitishyurwa igihe kigeze, Spectrum Health ishobora gushakisha umwunganizi mu by'amategeko na/cyangwa ikigo gishinzwe kwishyuza kugira ngo nishyuzwe. Ngomba gusubiza Spectrum Health amafaranga yose yakoresheje, amafaranga yaciwe n'amafaranga ajyanye no kwishyuza umwenda. Harimo, ariko ntibigarukira gusa ku nyungu yumvikana, amagarama y'urubanza igie hatanzwe ikirego n'igihembo cy'umwunganizi mu by'amategeko na/cyangwa amafaranga yishyuzwa n'ikigo gishinzwe kwishyuza harimo ashingiye ku ijanisha ry'umwenda.
- Niba utifuza ko duha inyemezabuguzi sosiyete y'ubwishingizi mukorana, ugomba kubitumenyesha igihe uri guhabwa serivisi.

IHEREREKANYA RY'UBUBASHA N'INSHINGANO

- Mpariye Spectrum Health ibijyanye na:
  - Ibyo ngenerwa byose, ibyo nsaba byose ndetse n'ubundi burenganzira bwose, harimo n'uburenganzira bwo gutanga inyemezabuguzi no kuvugana n'undi muntu wese ku bijyanye no gusaba kwishyurwa, ku bijyanye n'amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health.
  - Uburenganzira bwo gutanga ikirego cyangwa kwitabira urubanza cyangwa iburanisha rifite aho rihuriye n'amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health.
  - Uburenganzira bwo gufata ikindi cyemezo cyose cyo gusaba kwishyurwa amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health.
- Iri hererekanya ry'ububasha n'inshingano rikubiyemo uburenganzira bwo kujuririra icyemezo cyo kwanga kwishyura amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health agomba gutangwa n'uwishyura, hashingiwe ku masezerano y'ubwishingizi atangwa n'umukoresha, amasezerano y'ubwishingizi butangwa na sosiyete y'ubwishingizi cyangwa ubwishingizi bugenwa n'amategeko cyangwa amasezerano.
- Kandi mpariye Spectrum Health uburenganzira bwose nemeye guheba bwo kwishyura, gutanga cyangwa kureka kwishyura amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health cyangwa gufata ibindi byemezo byose bishobora gutuma amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health atishyurwa cyangwa akishyurwa.
- Nshyizeho Spectrum health nk'umpagarariye byemewe mu bijyanye no gukurikirana ibijyanye n'amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health. Mpaye Spectrum Health uburenganzira bwo kumpagararira mu bijyanye no gusaba ibyo ngenerwa, harimo ibigenwa n'Itegeko rigena ubwiteganyirize bw'abakozi bageze mu zabukuru ryo mu mwaka wa 1974 no kujurira igihe hagenwe ibitajyanye n'agaciro gakwiye. Ndemera gufasha Spectrum Health gukurikirana ibijyanye n'ibigenwa n'ubwishingizi byose no kwishyura igice cyose cy'umusanzu w'ubwishingizi, igice cy'amafaranga nsabwa kwishyura no kwemera gukatwa amafaranga agenwa mu rwego rw'ubwishingizi.
- Mpaye Spectrum Health uburenganzira kandi nyitegetse gukora ibishoboka byose kugira ngo amafaranga nishyuzwa na Spectrum Health aboneke.

UMUKONO W'UMURWAYI

Nasomye iyi nyandiko kandi nasobanukiwe ibiyikubiyemo. Ibibazo byanjye byose byasubijwe.

ISAHA _____ ☐AM ☐PM **ITARIKI** _____ Umukono w'umurwayi _____

- Umurwayi ntarageza ku myaka 18 cyangwa ntashobora gutanga uburenganzira kubera _____

ISAHA _____ ☐AM ☐PM **ITARIKI** _____

Umukono w'umubyeyi/Umwishingizi wemewe n'amategeko _____

Amazina mu nyuguti nkuru _____

Confidentiality of this medical record shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.

SIGNATURE(S)

TIME _____ ☐AM ☐PM **DATE** _____ Witness _____

SECOND WITNESS NEEDED FOR VERBAL CONSENT

TIME _____ ☐AM ☐PM **DATE** _____ Witness _____

© Spectrum Health